**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, ukwezi ku kwakira umunsi wa cumi n'umunani;

Twebwe TUSHABE Jane, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na MUZAMUZI Pacifique, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **NIYONSENGA Apolinaire**, mwene UWIMBABAZi Colette, wavutse 1989, avukira mu mudugudu wa Rwinka, akagari ka Nyabubare, umurenge wa Karenge, akarere ka Rwamagana, Intara y'Iburasirazuba, akaba arinaho atuye.

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa No RP 01630/2021/TGI/NGOMA, bukurikiranyeho **NIYONSENGA Apolinaire** icyaha cyo gutunda cyanwa kugurisha ibiyobyabwenge byo mu bwoko bw'urumogi, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 11 agace ka 3 Itegeko N° 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019 rihindura Itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'itegeko No 027/2019 ryo ku wa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko NIYONSENGA Apolinaire kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), akazitaba ku wa 12-01-2022 saa mbiri

za mugitondo ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutegetse ko ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari www.judiciary.gov.rw.

| | |
|---|---|
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **TUSHABE Jane** | **MUZAMUZI Pacifique** |
| **SE** | **SE** |

Copie certifiée conforme à l'original dont l'acte greffier MUZAMUZI Pacifique fait à KIBUNGO le 20/12/2021

URUKIKO RW'ISUMBUYE RWA NGOMA